- UMUNTU URI KU RUGENDO CYANGWA SE ATARI KU RUGENDO NTABONE AMAZI YO GUTAWAZA, ABIGENZA ATE?

- TAYAMAMU: NI UGUHANAGUZA IGITAKA GISUKUYE UBURANGA BWAWE N'IBIGANZA BYAWE, MU MWANYA WO GUTAWAZA CYANGWA KOGA.

BITEWE N'UKO WABUZE AMAZI CYANGWA AKABA AHARI ARIKO UTABASHA KUYAKORESHA.

- IGITAKA KIVUGWA: NI HEJURU Y'ISI HOSE HARI UBUTAKA.

- GUTAYAMAMU BIKABA BYEMEWE K'UMURWAYI, IGIHE ABONA KO AKORESHEJE AMAZI YAMUGIRAHO INGARUKA CYANGWA UBURWAYI BUKIYONGERA CYANGWA BIGATUMA ATINDA GUKIRA.

- IBYO BIKABA BYEMEZWA N'UBURYO UMURWAYI AMEREWE CYANGWA BIKEMEZWA NA MUGANGA W'INZOBERE W'UMUYISLAMU W'INYANGAMUGAYO.

- UMURWAYI UTABASHA KWINYAGAMBURA UTANAFITE UWAMUFASHA, UWO AKORA TAYAMAMU K'UWABUZE AMAZI KANDI NTASUBIRAMO UGUTAWAZA.

- UWO NI KIMWE N'UTINYA GUPFA CYANGWA KUZIRWA N'UBURWAYI CYANGWA SE BUKABA BWAKWIYONGERA ARAMUTSE AKORESHEJE AMAZI MU MBEHO IKAZE MU GIHE ATABONYE UYAMUSHYUHIRIZA.

- TAYAMAMU NANONE NI NGOMBWA K'UMUNTU UFITE AMAZI ARIKO AKABA ATINYA INYOTA YAMWICA CYANGWA YAMUZENGEREZA, YIBAZA KO ARI

BUYAKENERE MU GIHE KIRI IMBERE, MU KUYANYWA CYANGWA KUHIRA ITUNGO RYE.

- BIREMEWE KANDI GUKORA TAYAMAMU KU RUGENDO CYANGWA UTARI KU RUGENDO.

- UBURYO TAYAMAMU IKORWA:

NI UGUKUBITA IBIGANZA HASI INCURO IMWE, USIGA MU BURANGA N'IBIGANZA.

- KUBERA IJAMBO RY'INTUMWA MUHAMADI (IMANA IMUHE AMAHORO N'IMIGISHA) RIGIRA RITI "BIRAGUHAGIJE KUGIRA GUTYA, NUKO INTUMWA MUHAMADI AKUBITA IBIGANZA HASI ARANGIJE AHUHAMO, MAZE IBIHANAGUZA MU BURANGA BWE N'IBIGANZA BYE"

- ISUKU YA TAYAMAMU YANGIZWA N’IBYANGIZA ISUKU YO GUTAWAZA NDETSE NO KOGA KUKO

- TAYAMAMU IBISIMBURA BYOMBI.

- NDETSE NO KUBONEKA KWA AMAZI IGIHE CY’ISENGESHO, KUBERA KO IYO ABONETSE, ISUKU IBA YANGIRITSE, KUKO IMPAMVU YA TAYAMAMU IBA ITAKIRIHO.

- NAHO IYO AMAZI ABONETSE ISENGESHO RYARANGIYE, NTABWO UMUNTU ASABWA KURYISHYURA.

- NANONE IYO UMUNTU ABASHIJE GUKORESHA KUBERA KO IMPAMVU YAMWEMERERAGA GUKORA TAYAMAMU IRANGIYE, NKO KUBA UMWANZI YATINYAGA ATAGIHARI CYANGWA UBURWAYI BWAKIZE CYANGWA IMBEHO YARANGIYE. -

KUKO IGIKORWA KUBERA IMPAMVU KIRANGIRANA NAYO.

- IBYEMEWE K’UGUTAWAZA NO KOGA BYEMEWE NO KURI TAYAMAMU.

- UWAKOZE TAYAMAMU ASHOBORA GUSENGA AMASENGESHO YOSE ASHAKA Y’ITEGEKO NDETSE N’AYI MIGEREKA.